

Ihame ry'ubuyobozi ku Ishyaka



“Ibyiringiro burerezwe butera umutima kurwara, ariko iyo icyifujwe kibonetse kiba igiti cy’ubugingo.” Imigani 13:12

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Ubwoba butera umwete. Bufite akamaro, ariko kandi bukoreshwa mu kugera ibipimo. Iyo tuyobora abantu n’ubwoba gusa, tuba turi abayobozi babi. Abayobozi beza baba bazi akamaro k’amahame atinywa, ariko kandi bakaba bazi “itegeko rishyira uburakari.” Umuntu ntabwo yazabaho kubw’amategeko gusa—bitinde bitebuke arayica. Kugira ngo rero habeho uburambe, mu muryango, umurimo/ubucuruzi, cg umuryango, tugomba gushyiraho uburyo buha buri umwe (1) inzozo, (2) amahirwe (3) ibyiringiro.

Iyo tudafite inzozo kandi ntitubone amahirwe, dutakaza ibyiringiro. Iyo dutakaje ibyiringiro, tugira uburakari maze tukumva hari ikibura, ibi bikabyara kwiheba biviramo bamwe no kwiheba. Kuva hari ibyiringiro rero, turashobora, kandi abenshi muri twe tuzakomeza kujya imbere. Ibyiringiro bizanwa no kubona uburyo, naho uburyo bubonekera mu bitekerezo bikora kandi bifite udushya.

Imana yaturemye mu ishusho yayo kugira ngo ibitekerezo no guhanga, mu kubara no gusesengura ibibazo. Iyo abayobozi bashatse kunaniza utu dushya, vuba bidatinze abantu begenzura uko babafata nabi bityo bagahitamo kwitandukanya n’ubuyobozi nk’ubwo. Ntabwo dushobora kunaniza abantu iteka ryose. Abakominisite ni urugero rwiza: imibereho yabo yari yubakiye mu kuringaniza abantu bose no gufata ibintu byose kimwe. Igitekerezo cyabo cyari icyo, “Guha umuntu ibiryo, imyambaro n’icumbi, maze ubwo azaba yishimye.”

Ibi byumvikana nk’imitekerereze myiza, ariko ntabwo byakunda kuko twese ntabwo twaremewe ngo tube kimwe. Yego nibyo twaremanye ishusho muntu, ariko ntabwo imikorere yacu izaba itandukanye kuko buri wese aba ashobora gufata ibyemezo. Dufite impano zitandukanye, imico hamwe n’ibitekerezo bishyashya. Bivuze bamwe bazareba kure kurusha abandi, bityo usange byazanywe imyumvire itandukanye n’amahirwe atandukanye.

Mu kuzamura ishyaka rero, tugomba kubaka ikirere aho ibitekerezo byakora byisanzuye ku gipimo runaka. Ibyo bipimo rero bikaba umurongo usembura guhanga udushya.

Kuzamura ishyaka rero bivuze gusembura ibitekerezo byacu na roho y’umuntu. Ibi nibyo twita gutera ishyaka ibitekerezo by’abagabo n’abagore. Ibi kandi bikorwa hifashishijwe inzozo n’uburyo bacamo, bityo bikabatera umwete wo gukazanya ejo hazaza. Baterwa umwete w’imbere, aho kugira ngo bagengwe n’amategeko yo hanze. Barayoborwa, ntabwo bagengwa. Ibi rero bikababera impamvu yo kubaho. Niduha abantu

amahirwe cg inzozo mu nzira igana ku ntego zacu n’intumbero, twese bizatugirira akamaro. Umugambi wacu wo gutera abandi ishyaka ry’intinsiri mu bibazo. Bitihise bizaba bidakwiye kandi bizatugarukira.

Abayobozi beza bakoresha agashimwe no kurema ishusho ya hejo bakoresheje ikigero cyo 10 kugera kuri 1 mu kurenga ubwoba. Bazi ko ubwoba aribwo busunika ibintu, ariko bukoreshwa nk’inzira ya nyuma. Abayobozi beza usanga bibanda ku gashimwe no kubiba inzozo, dore ko byubaka imbaraga ikomeye mu bakozi babo, bityo bakagira ishyaka. Aho rero ntibazaba bakeneye ubugenzuzi bw’insiri kuko bo ubwabo bazaba bakora nk’abikorera.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibibazo byo kwibazaho:

Buri muni w’ubuzima bwacu, tubika ibintu muri banki y’ubwonko ku bantu duhuye nabo. Ibi kandi bizaba izina twubatse.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed